**ITEKA RYA MINISITIRI N°006/Minifom RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA AMAHORO YISHYURWA KURI ZA MINE NA KARIYERI**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere:** Icyo iri teka rigamije

**Ingingo ya 2:** Amahoro ku mpushya za kariyeri

**Ingingo ya 3:** Amahoro ku mpushya za mine

**Ingingo ya 4:** Ubuso bukorerwaho ubucukuzi

**Ingingo ya 5:** Amafaranga yishyurwa ku buso bukorerwaho ubucukuzi

**Ingingo ya 6**: Amafaranga yishyurwa ahakorerwa imirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

**Ingingo ya 7:** Amafaranga yishyurwa ku buso bukorerwaho ubucukuzi bwa kariyeri

**Ingingo ya 8:** Igihe cyo kwishyurira amafaranga ahakorerwa ubucukuzi

**Ingingo ya 9:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Ingingo ya 10**: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

**MINISTERIAL ORDER N°006/Minifom OF 14/09/2010 DETERMINING TAXES APPLICABLE TO MINES AND QUARRIES**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One:** Purpose of this Order

**Article 2:** Taxation of quarry licenses

**Article 3:** Taxation of mining licenses

**Article 4:** Extractable surface area

**Article 5:** Fees paid per extracted surface area

**Article 6**: Fees paid for extractable mining and quarry

**Article 7:** Fees paid for an extractable quarry area

**Article 8:** Payment time for an extractable area

**Article 9:** Repealing provision

**Article 10:** Commencement

**ARRETE MINISTERIEL N°006/Minifom DU 14/09/2010 DETERMINANT LES TAXES APPLICABLES SUR LES MINES ET CARRIERES**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Article 2:** Taxes des permis des carrières

**Article 3:** Taxes des permis miniers

**Article 4:** Surface exploitable

**Article 5**:Frais payés pour la surface exploitée

**Article 6**: Frais payables pour une zone d'exploitation minière

**Article 7:** Frais payés pour une zone d'exploitation des carrières

**Article 8:** Période de paiement d'une zone d'exploitation

**Article 9 :** Disposition abrogatoire

**Article 10**: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°006/Minifom RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA AMAHORO YISHYURWA KURI ZA MINE NA KARIYERI**

**Minisitiri w'Amashyamba na Mine;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri cyane cyane mu ngingo yaryo ya 22;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho amahoro yishyurwa mu bikorwa by'ubucukuzi bikurikira:

1° Uruhushya rwo kurambagiza;

2° Uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;

3° Uruhushya rwo gucukura mine nto;

**MINISTERIAL ORDER N°006/Minifom OF 14/09/2010 DETERMINING TAXES APPLICABLE TO MINES AND QUARRIES**

**The Minister of Forestry and Mines;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation, especially in Article 22;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/06/2010;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines taxes applicable to the following mining activities:

1° Prospecting license;

2° Exploration license;

3° Small mine extraction license;

**ARRETE MINISTERIEL N°006/Minifom DU 14/09/2010 DETERMINANT LES TAXES APPLICABLES SUR LES MINES ET CARRIERES**

**Le Ministre des Forêts et Mines ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières, spécialement en son article 22 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/06/2010 ;

**ARRETE :**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté fixe les taxes payées pour les activités minières-ci-après:

1° Permis de prospection;

2° Permis de recherche;

3° Permis d'exploitation des petites mines ;

4° Uruhushya rwo gukeberwa imbago;

5° Uruhushya rwo gucukura kariyeri icuruzwa;

6° Kongererwa uruhushya;

7° Kwegurira undi uruhushya;

8° Gukodesha uruhushya;

9° Kureka uruhushya.

Iri teka kandi rigena amafaranga y'ubukode bw'ahakorerwa imirimo yo kurambagiza, gukora ubushakashatsi no gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri.

**Ingingo ya 2: Amahoro ku mpushya za kariyeri**

Amahoro yishyurwa ku mpushya za kariyeri ni aya akurikira:

**1º Uruhushya rwo gucukura kariyeri igurishwa :**

a) kwemererwa uruhushya: ibihumbi cumi na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (15.000 Frws) ;

b) kuvugurura uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000 Frws) ;

4° Concession license;

5° Commercial quarry extraction license;

6° Renewal of a license;

7° Transfer of a license;

8° Renting out a licence;

9° Renunciation of a license.

This Order also determines rental fees for an area where prospecting, exploration and mining and quarry extraction activities are carried out.

**Article 2: Taxation of quarry licenses**

Taxes paid for quarry licenses shall be as follows:

**1º Commercial quarry extraction license :**

a) eligibility for a license: fifteen thousand Rwandan Francs (Rwf 15,000) ;

b) renewal of a license : twenty five thousand Rwandan Francs (Rwf 25,000) ;

4° Permis de concession;

5° Permis d'exploitation des carrières commerciales;

6° Renouvellement d'un permis;

7° Transfert d'un permis;

8° Location d'un permis

9° Renonciation au permis.

Le présent arrêté détermine également les frais de location de l'espace sur lequel les activités de prospection, de recherche et d'exploitation des mines et des carrières sont menées.

**Article 2: Taxes des permis des carrières**

Les taxes des permis des carrières sont les suivantes:

**1º Permis d'exploitation des carrières commerciales :**

a) éligibilité au permis: quinze milles francs rwandais (15.000 Frws) ;

b) renouvellement d'un permis : vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frws) ;

c) guhererekanya uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000 Frws) ;

d) gutanga uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000 Frws) ;

e) gukodesha uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000 Frws) ;

f) Kureka uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000 Frws).

2º **Uruhushya rwo gucukura kariyeri itagurishwa :**

a) kwemererwa uruhushya: ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 Frws) ;

b) kuvugurura uruhushya: ibihumbi cumi na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (15.000 Frws) ;

c) kureka uruhushya: ibihumbi cumi na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (15.000 Frws).

**<u>Ingingo ya 3</u>: Amahoro ku mpushya za mine**

Amahoro yishyurwa ku mpushya za mine ni aya akurikira:

c) transfer of a license: twenty five thousand Rwandan Francs (Rwf 25,000) ;

d) assign of a license: twenty five thousand Rwandan Francs (Rwf 25,000) ;

e) renting out a license : twenty five thousand Rwandan Francs (Rwf 25,000);

f) renouncing a license: twenty five thousand Rwandan Francs (Rwf 25,000).

2º **non commercial quarry extraction license :**

a) eligibility for a license: ten thousand Rwandan Francs (Rwf 10,000) ;

b) renewal of a license: fifteen thousand Rwandan Francs (Rwf 15,000) ;

c) renouncing a license: fifteen thousand Rwandan Francs (Rwf 15,000).

**<u>Article 3</u>: Taxation of mining licenses**

Taxes paid for mining licenses shall be as follows:

c) transmission d'un permis: vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frw) ;

d) cession d'un permis: vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frws) ;

e) location d'un permis: vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frws) ;

f) renonciation au permis: vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frws).

**2º Permis d'exploitation des carrières non commerciales :**

a) éligibilité au permis: dix milles francs rwandais (10.000 Frws) ;

b) renouvellement d'un permis: quinze milles francs rwandais (15.000 Frws) ;

c) renonciation au permis: quinze milles francs rwandais (15.000 Frws).

**<u>Article 3</u>: Taxes des permis miniers**

Les taxes des permis miniers sont les suivantes:

**1° Uruhushya rwo kurambagiza :**

a) kwemerwa uruhushya : ibihumbi mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (50.000 Frws) ;

b) gukodesha uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000 Frws) ;

c) kureka uruhushya: ibihumbi makumyabiri na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (25.000Frw).

**2° Uruhushya rwo gukora ubushakashatsi :**

a) kwemererwa uruhushya : ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 Frws) ;

b) kuvugurura uruhushya: ibihumbi ijana na mirongo irindwi na bitanu by'amafaranga y'u Rwanda (175.000 Frws) ;

c) guhererekanya uruhushya: ibihumbi ijana na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (150.000 Frws) ;

d) gukodesha uruhushya: ibihumbi ijana na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (150.000 Frws) ;

e) kureka uruhushya: ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100. 000 Frws);

**1° Prospecting license :**

a) eligibility for a license: fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 50,000) ;

b) renting out a license: twenty five thousand Francs (Rwf 25,000) ;

c) renouncing a license: twenty five thousand Rwandan Francs (Rwf 25,000).

**2° Exploration license:**

a) eligibility for a license: One hundred thousand Rwandan Francs (Rwf 100,000) ;

b) renewal of a license: One hundred seventy five thousand Rwandan Francs (Rwf 175,000) ;

c) transfer of a license: One hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 150,000) ;

d) renting out a license: One hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 150,000);

e) renouncing a license: One hundred thousand Rwandan Francs (Rwf 100,000) ;

**1° Permis de prospection :**

a) éligibilité au permis: cinquante milles francs rwandais (50.000 Frws) ;

b) location d'un permis: vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frws) ;

c) renonciation au permis: vingt cinq milles francs rwandais (25.000 Frws).

**2° Permis de recherche:**

a) éligibilité au permis: cent milles francs rwandais (100.000 Frws) ;

b) renouvellement d'un permis: cent soixante quinze milles franc rwandais (175.000 Frws) ;

c) transfer d'un permis: cent cinquante milles francs rwandais (150.000 Frws) ;

d) location d'un permis: cent cinquante milles francs rwandais (150.000 Frws) ;

e) renonciation au permis: cent milles francs rwandais (100.000 Frws) ;

**3° Uruhushya rwo gucukura mine nto:**

a) kwemererwa uruhushya: ibihumbi ijana na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda 150.000 Frw) ;
b) kuvugurura uruhushya: ibihumbi magana abiri by'amafaranga y'u Rwanda (200.000 Frws) ;
c) guhererekanya uruhushya: ibihumbi magana abiri na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (250.000 Frws) ;
d) gukodesha uruhushya: ibihumbi magana abiri na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (250. 000 Frws) ;
e) kureka uruhushya: ibihumbi ijana na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (150.000 Frws).

**4° Uruhushya rwo gukeberwa imbago :**

a) kwemererwa uruhushya: ibihumbi magana abiri na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (250.000 Frws) ;
b) kuvugurura uruhushya: ibihumbi magana atatu by'amafaranga y'u Rwanda (300.000 Frws) ;
c) guhererekanya uruhushya: ibihumbi magana atatu na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (350.000 Frws) ;
d) gukodesha uruhushya: ibihumbi magana atatu na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (350.000 Frws) ;

**3° Small mine extraction license:**

a) eligibility for a license : One hundred fifty thousand Rwandan francs (Rwf 150,000);
b) renewal of a license: two hundred thousand Rwandan Francs (Rwf 200,000) ;
c) transfer of a license : two hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 250,000) ;
d) renting out a license: two hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 250,000) ;
e) renouncing a license: One hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 150,000).

**4° Concession license :**

a) eligibility for a license: two hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 250,000);
b) renewal of a license: three hundred thousand Rwandan Francs (Rwf 300,000) ;
c) transfer of a license: three hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 350,000) ;
d) renting out a license: three hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 350,000) ;

**3° Permis d'exploitation des petites mines:**

a) éligibilité au permis: cent cinquante milles francs rwandais (150.000 Frws) ;
b) renouvellement d'un permis: deux cents milles francs rwandais (200.000 Frws) ;
c) transfer d'un permis : deux cent cinquante milles francs rwandais (250.000 Frws) ;
d) location d'un permis: deux cent cinquante milles francs rwandais (250.000 Frws) ;
e) renonciation au permis : cent cinquante milles francs rwandais (150.000 Frws).

**4° Permis de concession :**

a) éligibilité au permis : deux cent cinquante milles francs rwandais (250.000 Frws) ;
b) renouvellement d'un permis: trois cent milles francs rwandais (300.000 Frws) ;
c) transfer d'un permis: trois cent cinquante milles francs rwandais (350.000 Frws) ;
d) location d'un permis: trois cent cinquante milles francs rwandais (350.000 Frws) ;

e) kugurisha imbago: miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 Frws) ;

f) ingwate ku mbago: miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 Frws) ;

g) kureka imbago: ibihumbi magana abiri na mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (250.000 Frws).

**<u>Ingingo ya 4:</u> Ubuso bukorerwaho ubucukuzi**

Ahakorerwa imirimo y'ubucukuzi hatangirwa amafaranga y'ubukode ku buso bw'ahateganywa gukorerwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu gice cy'imbago yatangiwe uruhushya.

Muri icyo gice ntihabarirwamo ahadacukurwa nk'ahari umutungo kamere ubungabunzwe n'ibikorwa remezo biri mu mbago.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Amafaranga yishyurwa ku buso bukorerwaho ubucukuzi**

Amafaranga yishyurwa ku buso bukorerwaho ubucukuzi abarwa hakurikijwe ubuso bucukurwaho kandi bwagenywe muri gahunda y'ibikorwa y'umwaka yashyikirijwe Ubuyobozi bw'Umurenge, ubw'Akarere, Ikigo cy'igihugu cya Jewoloji na Mine mu Rwanda na Minisiteri ifite ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu nshingano zayo.

e) sale of a license: One million Rwandan Francs (Rwf 1,000,000) ;

f) mortgage of a concession : One million Rwandan Francs (Rwf 1,000,000) ;

g) renouncing a concession: two hundred fifty thousand Rwandan Francs (Rwf 250,000).

**<u>Article 4:</u> Extractable surface area**

Rental fees for mining and quarry extraction surface area shall be paid for the surface area of mining and quarry to be extracted on part of a concession covered with a license.

Such an area shall not include non extractable areas such as protected of those natural resources and infrastructure found within concession.

**<u>Article 5:</u> Fees paid per extracted surface area**

Payable fees per extracted surface area shall be calculated on the basis of the surface area extracted that was determined in the annual action plan submitted to the Sector and the District Authorities, to the Rwanda Geological and Mining Agency, and to the Ministry in charge of mining and quarry extraction.

e) vente d'un permis: un million de francs rwandais (1.000.000 Frws) ;

f) hypothèque d'une concession: un million de francs rwandais (1.000.000 Frws) ;

g) renonciation à une concession: deux cent cinquante milles francs rwandais (250.000 Frws).

**<u>Article 4:</u> Surface exploitable**

Les frais de location d'une surface exploitable des mines et des carrières sont payés sur la superficie prévue pour l'exploitation des mines et des carrières faisant partie d'une concession couverte par un permis.

Cette surface ne comprend pas la partie non exploitable tel que les ressources naturelles protégées et les infrastructures localisées au sein d'une concession.

**<u>Article 5</u>:Frais payés pour la surface exploitée**

Les frais à payer pour la surface exploitable sont calculés selon la superficie exploitée déterminée dans le plan d'actions annuel transmis à l'Administration du Secteur, à celle du District, à l'Office de Géologie et Mines du Rwanda et au Ministère ayant les mines et les carrières dans ses attributions.

**Ingingo ya 6: Amafaranga yishyurwa ahakorerwa imirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro**

Amafaranga yishyurwa ahakorerwa imirimo y'ubucukuzi ateye atya:

1° ahakorerwa uburambagizi: amafaranga y'u Rwanda makumyabiri na tanu kuri hegitari imwe (25 Frws/ha) ku mwaka ;

2° ahakorerwa ubushakashatsi: amafaranga y'u Rwanda ijana kuri hegitari imwe (100 Frws/ha) ku mwaka ;

3° ahakorerwa ubucukuzi: amafaranga y'u Rwanda magana abiri kuri hegitari imwe (200 Frws/ha) ku mwaka.

**Ingingo ya 7: Amafaranga yishyurwa ku buso bukorerwaho ubucukuzi bwa kariyeri**

Amafaranga yishyurwa ku buso bukorerwaho ubucukuzi bwa kariyeri abarwa hakurikijwe ibyacukuwe bimenyeshwa muri raporo y'umwaka yashyikirijwe Ubuyobozi bw'Umurenge, ubw'Akarere, Ikigo cy'igihugu cya Jewoloji na Mine mu Rwanda na Minisiteri ifite ubucukuzi mu nshingano zayo.

Amafaranga yishyurwa ahakorerwa ubucukuzi bwa kariyeri ni amafaranga y'u Rwanda atanu (5 Frws) ku mwaka kuri metero kare imwe ($1m^2$) y'ahacukuwe.

**Article 6: Fees paid for extractable mining and quarry**

Fees paid for a mining area extracted shall be as follows:

1° area where prospecting is carried out: twenty five Rwandan Francs per hectare (Rwf/25/ha) per year;

2° area where exploration is carried out: One hundred Rwandan Francs per hectare (Rwf 100 /ha) per year;

3° extracted area: two hundred Rwandan Francs per hectare (Rwf 200/ha) per year.

**Article 7: Fees paid for an extractable quarry area**

The fees paid for the extractable quarry surface area shall be calculated on the basis of the production stated in the annual report submitted to the Sector and District Authorities, to Rwanda Geological and Mining Agency and to the Ministry in charge of mining and quarry extraction.

The fees paid for an extractable quarry surface area shall amount to five Rwandan Francs (Rwf 5) per year per square meter ($1m^2$) extracted.

**Article 6: Frais payables pour une zone d'exploitation minière**

Les frais payables pour un site d'exploitation des mines sont fixés comme suit:

1° zone de prospection: vingt cinq franc rwandais par hectare (25 Frws/ha) par an ;

2° zone de recherche: cent franc rwandais par hectare (100 Frws/ha) par an ;

3° zone d'exploitation minière: deux cent francs rwandais per hectare (200 Frws) par an.

**Article 7: Frais payés pour une zone d'exploitation des carrières**

Les frais à payer pour une zone d'exploitation des carrières sont calculés selon la production déclarée dans le rapport annuel transmis à l'Administration du Secteur, à celle du District, à l'Office de Géologie et Mines du Rwanda et au Ministère ayant les mines et les carrières dans ses attributions.

Les frais payables pour une zone d'exploitation des carrières s'élèvent à cinq francs rwandais (5 Frws) par an par mètre carrée ($1m^2$) exploitée.

**Ingingo ya 8: Igihe cyo kwishyurira amafaranga ahakorerwa ubucukuzi**

Ku hakorerwa ubucukuzi, amafaranga yishyurwa buri mwaka mu gihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) uhereye ku itariki yabaruriweho n'Akarere ibikorwa by'ubucukuzi biherereyemo.

Iyo icyo gihe kirenze hongerwaho icumi ku ijana (10%) by'agomba kwishyurwa. Iyo harenzeho amezi abiri (2) nyuma yo kwihanangirizwa ntihagire igikorwa, hakurikiraho kwamburwa uburenganzira bwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri bitanabujije gukurikiranwa n'inkiko kugira ngo hishyuzwe inyungu zitishyuwe.

Ayo mahoro yose ashyirwa mu isanduku ya Leta.

Kopi y'impapuro zishyuriweho yohererezwa Ubuyobozi bw'Umurenge n'Akarere, Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine mu Rwanda na Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 10: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi

**Article 8: Period for payment of an extractable area**

For an extractable area, the fees shall be paid annually, in period of ninety (90) days from the date of calculation by the District in which the extraction activities are carried out.

If such period expires, such fees shall be increased by ten per cent (10%) of the due amount. After a two (2) months' notice without any action, the mining and quarry extraction license shall be forfeited, and this may be followed by judicial action to recover unpaid interests.

All these fees shall be deposited in the public Treasury.

The copies of receipts shall be submitted to the Sector and District Authorities, to Rwanda Geological and Mining Agency and to Ministry in charge of mining and quarry extraction.

**Article 9: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 10: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its

**Article 8: Période de paiement d'une zone d'exploitation**

Pour une zone d'exploitation, les frais sont payés chaque année endéans quatre vingt dix (90) jours à partir de la date de leur calcul par le District où sont effectuées les activités d'exploitation minière.

Passé ce délai, ces frais sont majorés de dix pourcent (10%) du montant dû. Après deux (2) mois d'avertissement sans réaction, il s'en suit le retrait du permis d'exploitation des mines et des carrières avec possibilité de poursuite judiciaire pour recouvrement des intérêts impayés.

Toutes ces taxes sont versées dans le trésor public.

Les copies des bordereaux de versement sont remises à l'Administration du Secteur et à celle du District, à l'Office de Géologie et Mines du Rwanda et au Ministère ayant les mines et les carrières dans ses attributions.

**Article 9: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 10: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa

ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 14/09/2010

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**
Minisitiri w'Amashyamba na Mine

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 14/09/2010

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**
Minister of Forestry and Mines

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

publication au Journal Official de la République du Rwanda.

Kigali, le 14/09/2010

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**
Ministre des Forêts et Mines

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux